UBURYO BWO GUKORA IBIGANIRO KU MUCO W'AMAHORO, UBUMWE N'UBWIYUNGE NO KUBAKA UBUNYARWANDA MU MASHURI ABANZA, AYISUMBUYE N'AY'IMYUGA HIRINDWA COVID - 19

INTANGIRIRO

Ibiganiro bikorwa mu mashuri bigamije kubaka ubudahangarwa n'imitekerereze isesengura mu babyiruka bimakaza umuco w'amahoro, ubworoherane, ubumwe n'ubwiyunge no kubatoza umuco wo kungurana ibitekerezo mu bwubahane, kumenya indangagaciro z'umuco nyarwanda no kwitoza kuzigenderaho barangwa n'imyitwarire iboneye kandi birinda ingengabitekerezo ya jenoside.

GUSUBUKURA IBIGANIRO KU MUCO W'AMAHORO, UBUMWE N'UBWIYUNGE NO GUTANGA UBUTUMWA BWA NDI UMUNYARWANDA

Muri iki gihe isi yose yugarijwe n'icyorezo cya Covid-19, ibigo by'amashuri bizasubukura ibiganiro hubahirizwa ingamba zo kwirinda ikwirakwira ry' icyorezo cya Covid-19.

Kugira ngo buri mwarimu abone inyandiko ye yo gukoresha, mu bigo bifite ibitabo bikeya, abayobozi b'ishuri bazirinda ihererekanya ry'ibitabo n'izindi nyandiko bifashishije inyandiko ziri ku rubuga rwa NURC www.nurc.gov.rw na REB: www.reb.rw, na e-learning platform.

Uko ibiganiro ku muco w'amahoro, ubumwe n'ubwiyunge no kubaka ubunyarwanda bizakorwa hirindwa Covid - 19:

Ibiganiro bazakorerwa mu ishuri (classroom) hubahirizwa ingamba zo kwirinda Covid-19;

Ubuyobozi bw'ishuri buzashyiraho gahunda ya buri shuri ku buryo insanganyamatsiko ziteganyijwe mu nyoborabiganiro zose ziganirwaho;

Ibiganiro bizayoborwa n'abarezi babifitiye ubushobozi batoranyijwe n'ubuyobozi bw'ikigo cy'ishuri.

Gutanga ubutumwa bwa Ndi Umunyarwanda hirindwa Covid-19

Ubutumwa bwa Ndi Umunyarwanda buzakomeza kwandikwa ku bibaho by'amashuri buri cyumweru hakurikijwe gahunda iri mu nyandiko isobanura ubutumwa bwa Ndi Umunyarwanda.

Kubera ko guhuriza hamwe abanyashuri bidakorwa, umwarimu ushinzwe ishuri asobanurira abanyeshuri mu ishuri ryabo ubutumwa bukubiye mu nsanganyamatsiko y'icyumweru.

GUTANGA RAPORO Y'IBIGANIRO

Ubuyobozi bw'ishuri bukora raporo y'ibiganiro mu gihembwe ikagezwa ku Murenge ishuri rikoreramo.

Nkuko bisanzwe Akarere gakora ikegeranyo cya raporo isesenguye buri gihembwe kakayishyikiriza MINEDUC na NURC.